GASINGWA Germain
B.P. 178
BUTARE
-------

Butare, taliki ya 10 Kamena 1987.

1/22/6/87

Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Yuvénal
Presida Fondateri wa M.R.N.D. na
Presida wa Repubulika y'Urwanda
i KIGALI.

15-6-87
11879

Impamvu :

Gusaba ishimwe ry'uburwanashyaka nyuma y'imyaka 25 ya Independansi y'Urwanda.

------------

22 JUIN 1987

Nyakubahwa Prezida,

Mbandikiye mbagezaho urwandiko rukubiyemo imibereho yanjye kuva mbayeho kugeza ubu. Halimo imilimo nakoze ndi umukozi usanzwe, halimo imilimo ya gipolitiki hakabamo n'ingorane zose n'akababaro nahuye nabyo nkolera Igihugu kugeza igihe mba umwe mu barwanashyaka bitangiye kubohoza Igihugu cyacu ku ngoyi y'ingoma ya gihake na gikolonize, guha Igihugu independansi 2 : iya mbere iba iyo KUBOHOZA GAHUTU NA GATWA ku ngoyi ya GIHAKE cya GATUTSI, iya kabili iba iyo guha bene KANYARWANDA bose uko ali 3: GAHUTU, GATWA, GATUTSI UBWIGENGE kuli gashakabuhake kazungu aliwe GAKOLONIZE no guha URWANDA ingoma ya REPUBULIKA na DEMOKARASI buli munyarwanda wese akagira ijambo mu Rwanda rwe, rukayoborwa n' umunyarwanda wese abaturarwanda bitoreye basanze abifitiye ubushobozi.

Ubwitange bwanjye bwabonekeye mu bikorwa byanjye byose nakoze, mw'Ishyaka APROSOMA, ishyaka lya Rubanda Rugufi (Gahutu, Gatwa, Gatutsi kagufi) nakoreyemo kandi nkaliyobora nkageza abaliyobotse mfatanije n'abaparmehutu kuli Coup d'état y'i Gitarama na Independansi bidateze kuzibagirana mu mateka y' Urwanda; tukumvisha kandi tukemeza abanyarwanda bose uko ali 3 ko bava inda imwe bagomba kubana mu buvandimwe bwabo mu mahoro no mu majyambere ya bose uko ali 3 kandi bakaleshya imbere y' amategeko. Ibyo bigahuza n'ishyaka namwe mufitiye kandi mwagaragarije Urwanda ali ryo M.R.N.D. ryo gukomeza ibyiza byose byagezweho n'iyo Revolusiyo yacu ya 1959, muyobora abaturarwanda bose muli bwa Bumwe, amahoro n'amajyambere twarwanirirraga twebwe ababisabaga kandi tukabitsindira.
Dukura bene Gahutu ibuzimu ali ku ngoyi ya gihake yicaye mw'icuraburindiry'urupfu n'ubujiji, tumushyira ibuzima, yima ingoma y' Urwanda bitarigeze bibaho mu mateka y'Urwanda!!!

Muli iyo revolusiyo nagiriwe nabi cyane: gufungwa, gukubitwa no kugirirwa nabi amezi 6 na ba gashakabuhake na gakolonize banziza ishyaka ryanjye ryo kurenganura Gahutu na Kagufi.

Mfunzwe narushijeho gukaza umurego ali mu buroko ubwaho n'aho mfunguriwe ngenda mu Rwanda hose njijurira abaturage uburepubulika na demokarasi (gutora), ngenda amahanga mburanira Urwanda n'abanyarwanda mu makoraniro mpuzamahanga mu burayi, muli Afurika no muli Amerika; mu gihugu bingeza mu nzego zose z'ubutegetsi; twubaka fondasiyo z'ibiliho tumaze kugeraho ubu.
Muli ayo mahanga nagenze akenshi ndara rubunda, ubuzima bwanjye bukahamerera nabi ku buryo byansigiye ubumuga bw'imburagihe.

Kuli Kamarampaka yacu yo ku wa 25 Nzeli 1961 abegukanye umudende wo gutsinda n'amashyaka bayoboraga ni : KAYIBANDA Gregori na Parmehutu ye na GASINGWA Gerimani n' APROSOMA-GASINGWA ye.

Ku wa mbere NYAKANGA 1962, KAYIBANDA yegukana ubukuru n'ibendera by'Igihugu; GASINGWA nawe ali Ministri wa Leta muli Presidansi ali iruhande rwa Kayibanda batabaranye n'amashyaka yabo yombi APROSOMA na PARMEHUTU, bagatsindira bombi hamwe, bakema-

.../...

rarira ayo mashyaka yabo kuli iyo taliki nziza ya 1 Nyakanga 1962 itazibagirana mu mateka y'abanyarwanda. Ibyo murabizi, mwali muhali mubifitemo uruhare rukomeye: mufashe inkota akarumyo.

Gasingwa G. yemarariye kandi Urwanda mu mahanga muli C.E.E.-E.A.M.A. muli 1964-1965, mu Nteko nkuru y'Igihugu(Député) 1961-1965; yabaye umukozi wa Leta : aho hose nta buhemu, nta guta umurongo mubyo yakoze byose. Yicajwe n'ubumuga yatewe n' iyo miruho yaruhiye Igihugu cyamubyaye.
Nyamara aliko mpora nezerejwe no kubona igitekerezo jye na bagenzi banjye twarwaniye cyaratsinze, Rubanda Rugufi rukaba rwarahawe agaciro kali gakwiranye n'inguvu n'umubare warwo (majorité 85%); tugasubiza mwene GAHUTU ubutegetsi bwa se KANYARWANDA, akaba ubu arangaje imbere ya bene Kanyarwanda afite ibendera, icumu n'intebe by'ubutware, afashe diregisiyo y'ubwato bw'amahoro n'ubukire atwaye twese duteraniyemo ngo atwambutse inyanja y'ubukene!!

Imyaka ibaye 25 Rubanda nyamwinshi (Gahutu) ashubijwe ubutware bwe bwo kwa se Kanyarwanda. Turabyishimiye cyane kandi turifuza ko ubwo butwali n'ubutware azabukomeza uko imyaka n' ingoma bizahora bisimburana iteka!!

Nawe ubwawe turagushimira cyane amatwara yawe wagaragaje ko aliayo koko twarwaniriye igihe ubogoye amata yali agiye kumeneka, igihe weguye Urwanda rugiye gutembagara...

Nyakubahwa Prezida, imyaka 25 irashize dukoze igikorwa gishimishije abanyarwanda bidashubirwaho dufatanije namwe mu mwanya mwali muhagazemo icyo gihe watengeye banshi mu barwanashyaka, utunganya byinshi cyane..

Iyo dushubije amaso inyuma tukaleba dusanga mu banyarwanda bose b'ubu (kuva 1959), twebwe abarwanashyaka b' ibanze b'Urwanda ba Revolusiyo ya 1959 tuli ABABYEYI, ABAKURAMBERE b'URWANDA RUSHYA (rw'ubu). Twaruremyemo UBUREPUBULIKA = Igihugu cya bose, dukuyeho UBWAMI(=ubutegetsi buvukanwa n'umuntu umwe wo mu bwoko bumwe kandi bwa bake kwa Kanyarwanda:umututsi); turubyarira DEMOKARASI (ubutegetsi buvuye kuli Rubanda rwose) dukuyeho GIHAKE na GIKORONIZE; dushyiraho IBENDERA ryiza dukuyeho KALINGA n'izayo yica; yishe igashahura abacu (tulibuka abacu baguye muli Revolusiyo no ku rugamba hirya no hino mu Gihugu) n'abavandimwe n'abakurambere bacu yishe urupfu rw' agashinyaguro.
Nimulebe kuva kuli indepandansi mwene Rubanda nyamwinshi ali umuto, ali umukuru, ali uyobora ali n'uyoborwa ndetse n'abanyamahanga balurimo, barasa neza, balizihiwe rwose.

Tuzi ko twakoze ali twe twikolera kuko twakoleraga ababyeyi, abavandimwe, abana na bene Kanyarwanda bose tuva inda imwe;nta mushahara lero twakoleraga kandi ntawo duhembesha kuko ibihembo byacu twarabishikiriye :ni izo Indepandansi zombi, n'ubwo Burepubulika na Demokarasi byacu twese twatsindiye, ubu tukaba tubiganjemo!!!

Nyamara aliko kandi Urwanda nta gihe rwibagiwe kujya rushimira izo ntwari zarwitangiye ngo zirubohore. Ni byiza kandi ni ngombwa. Turabishima cyane rwose.

Ubu twese ba Nyirabayazana tukili ho dushimishijwe no kugira amahirwe yo kuba tukiliho tugashobora kwilebera iyi SABUKURU nziza cyane y'imyaka 25 dukoze icyo gikorwa cy'intwali zidasanzwe.

Iyi Sabukuru iratwibutsa kandi kubasaba, Nyakubahwa Prezida, ngo musubize ijisho inyuma, mulebe ko dukwiriye natwe kuba mu mubare w'abo Urwanda rukwiye kwibuka none ubutwali n' ineza twagize, tukaba twabishimirwa uko bikwiriye, ali jye ali na bagenzi banjye b'imena baba bakiriho no kwibuka imilyango y' abatubanjirije kwitaba Imana batalibukwa!!!
Ntitwibagiwe aliko kubamenyesha ko ibyo dusaba ntawabyitiranya no gusabiriza twitwaje uburwanashyaka bacu.

.../...

Uletse kandi n'ubwo burwanashyaka bwanjye bwo muli Revolusiyo na Repubulika ya mbere, sinigeze ndeka kuba umumilitta ukomeye muli MUVEMA mwadushingiye, nkayishima ubwo na n'ubu ko iyo ntego ali yo twaharaniraga muli 1959. Aho ndi hose, aho ntuye n'ibikorwa nkora ali ibyo nkolera Igihugu cyanga se ku giti cyanjye byose bihumeka umwuka wa MUVEMA: ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere nkora buntunze ubu aho ntuye i GAFUMBA muli komini MUGUSA i Butare bifitiye akamaro Igihugu n'abandi banyarwanda, n'amatwara ya MUVEMA.

Ndetse ali ukwibukwa cyanga akabando k'ubusaza nasaba Nyakubahwa Prezida kaje muli ubwo buryo kaba gashimishije cyane; n'ukuvuga ko nk'abayobozi bakuru b'inzego za Muvema baje mu ngendo zabo zo gukangurira abaturage amajyambere cyanga gusûra ibikorwa bya MRND mu Gihugu, baza gusûra umushinga wanjye w'ubworozi bw'inkoko za kijyambere , mukantera inkunga mu ngorane mpura na zo muli uwo mushinga. Iyo nkungayangirira akamaro cyane ikambera akabando k'ubusaza bwagiriye akamaro Urwanda.

Kugeza ubu imyaka ibaye 25 nta shimwe na rimwe, ntacyo nigeze mbaza cyanga ngo mvuge kuko nk'uko nabivuze ibihembo byacu twarabishyikiriye... ahasigaye dutegereje udukanira urudukwiye mu rwego rw'Igihugu alibo mwe Nyakubahwa Présida wa Repubulika.

Ku masabukuru nk'aya, Abakuru b'Ibihugu hali byinshi byiza bakorera abaturage babo bibafitiye akamaro cyane: kwambika impeta z'ishimwe abakoreye neza Igihugu, kwibuka no gusingiza intwali n'ababyeyi bitabye Imana barakoreye Igihugu ibikorwa bikomeye; abakoze ibyaha bagashyirwa mu gifungo bararekurwa, abafite ibihano bikomeye bakagabanirizwa!!

Hano turasanga, Nyakubahwa Prezida, abakwiye gutera imbabazi za mbere na mbere Igihugu ali intwali, ababyeyi n'abatabazi bacyo n'abagikoreye neza mu milimo cyabashinze, hagakurikiraho lero kubabarira n'abandi bana bacyo bali mu bubabare ubwo alibwo bwose kuko bose ali abana b'Urwanda.

Mu gusoza iki gitekerezo cyanjye, nizeye, Nyakubahwa Prezida ko muzatwumva neza kandi mugasuzumana umutima mwiza musanganywe ibyo tubasabye. Tubaye lero tubibashimiye cyane, Murakaramba.

GASINGWA Germain
B.P. I78 BUTARE.
(ancien homme politique).

CURRICULUM VITAE MONSIEUR GERMAIN GASINGWA.

Né à Save (Kinteko), Commune Shyanda, Préfecture Butare en 1927.

1933-1942 : Etudes primaires et secondaires au Groupe Scolaire de Butare.

1943-1945 : Etudes médicales au Groupe Scolaire de Butare: Sorti Assistant Médical.

1946-1947 : Stage médical au Vice-Gouvernement Général à Bujumbura (Hopital des Noirs et des Blancs) - Spécialisation en Ophtalmologie à Bujumbura, à travers le Rwanda-Burundi et la Province du Kivu-Maniema (Bukavu et ses divers territoires) avec délivraison de certificat de spécialisation.

Fin 1948 : Démission et retour au Rwanda.

1949-1952 : Secrétaire et comptable du F.B.I. (Fonds du Bien-Etre Indigène), Direction Régionale du Rwanda-Burundi et du Kivu-Maniema à Butare.

1953-1958 : Secrétaire de Direction de l'I.R.S.A.C. (Institut pour la Recherche Scientifique en Afrique Centrale), Direction Régionale du Rwanda-Burundi à Butare.

1957 : Leader Hutu à Butare (Groupe J. Gitera: APROSOMA).

1958-1959 : Renvoi de l'I.R.S.A.C. (lors de la "Question Hutu à l'Ibwami) en fin avril 1958.
Installation comme "Agent d'Affaires" à Butare et Secrétaire Général du Parti APROSOMA (Association pour la Promotion Sociale de la Masse)
Secrétaire de l'ACOMERU (Association des Commerçants et des Mécaniciens du Rwanda-Burundi à Butare.

Novembre 1959 : LA REVOLUTION RWANDAISE HUTU 1959.

Activité politique hutu (APROSOMA) très intense.
Detenu politique à Butare (de novembre 1959) et acquittement en fin mars 1960 à la prison centrale de Kigali.

1960 : Continuation activité politique.
Acteur Démocrate Républicain au Théatre ambulant : scène électorale (de juin à juillet 1960) à travers le Rwanda, pour apprendre aux rwandais à vôter.
Juillet 1960 : Elu Conseil Communal APROSOMA de la Commune de CYARWA (BUTARE).
18/10/1960 : DEPUTE APROSOMA à l'Assemblée Législative Provisoire du Rwanda.
Novem. 1960 : Président Exécutif du Parti Aprosoma.
15 déc. 60 : Délégué Aprosoma au Coloque de Gisenyi.

1961 : 15 Janv.61 : Délégué Aprosoma au Colloque d'Ostende (Belgique).

.../...

28 Janv.61 : Membre Organisateur et Participant APROSOMA au Coup d'Etat de Gitarama.
Député à l'Assemblée Législative du Rwanda.
Ministre des Relations Extérieures du Rwanda (correspondant dans l'administration belge au Secrétaire d'Administration ou au Secrétaire d'Etat aux Affaires Etrangères (ce portefeuille étant encore entre les mains de la Tutelle).

15 février 1961 : Départ en voyage comme Chef de mission d'informations à travers les pays de l'ouest africain: Congo Kinshasa, Congo Brazza, Gabon, Caméroun, Ghana, Guinée, Côte d'Ivoire, Sénégal, puis passage en France et en Belgique.
Terminus du voyage : O.N.U. à New York (passant par Montréal Canada) comme Chef de la Délégation APROSOMA, Pétitionnaire avec la Délégation PARMEHUTU à l'O.N.U. pour plaider contre l'U.N.A.R. et le RADER, les élections démocratiques éliminatoire du Régime féodal Tutsi au Rwanda ainsi que pour le maintien des institutions démocratiques issues du Coup d'Etat de Gitarama mises en place par les 2 partis démocratiques républiqains : le Parmehutu et l'Aprosoma.

8 avril 1961 : Retour au Rwanda avec gain de cause Hutu à l'O.N.U.
Scission Aprosoma en Rwanda-Union et Aprosoma initiale dont les fonctions de Président pour cette dernière me furent chargées, Monsieur GITERA J. restant avec le Rwanda-Union.
Elu Vice-Président de l'Assemblée Légiàlative en plus des Fonctions de Secrétaire d'Administration à la Tutelle ou Mirex (Relations Extérieures à l'autonomie).

Avril à Juin 1961 : Accompagner le Président D.MBONYUMUTWA à travers le Pays en "Campagne d'appaisement et d'informations" sur les débats à l'O.N.U. et sur les Elections Nationales de septembre 1961.

25 septembre 1961 : Elections nationales au Rwanda : Elu DEPUTE National APROSOMA.

26 octobre 1961 : Désigné par M.Grégoire KAYIBANDA, Président de la République au Portefeuille de Ministre de la Santé Publique, fonctions assumées jusqu'au 15 mai 1962.

15 mai 1962 : Désigné Ministre d'Etat, chargé de la préparation des festivités de l'Indépendance nationale du 1 juillet 1962.

Fin septembre 1962 : Fin du mandat ministériel.
Elu Secrétaire-Député à l'Assemblée Nationale.
Fonctions exércées jusque fin septembre 1963.

.../...

Oct.62-Fin 1965 : Député à l'Assemblée Nationale jusqu'aux Elections législatives de 1965, date à laquelle j'ai définitivement quitté la scène politique pour devenir privé.

Le Parti APROSOMA fut dissout, ses membres rentrés dans le parti Parmehutu, pour n'avoir qu'un seul parti politique hutu.

Décembre 1964 : Elu par les Députés de l'Assemblée Nationale comme Membre de la Délégation Parlementaire Rwandaise à l'Assemblée Parlementaire de l'Association de la C.E.E.-EAMA (Commission Economique Européenne et Etats Africains et Malgaches Associés):
- du 6/12/64 au 8/12/64 à Dakar au Sénegal
- du 3/03/65 au 6/03/65 à Gisenyi au Rwanda
- du 5/7/65 au 18/7/65 à Berlin Ouest, RFA.

1967 - 1968 : Privé. Commerçant à Nyabisindu (Boucher et Restaurateur à l'Ecole des Stagiaires Magistrats) et à Butare (Centre de Négoce de Gafumba en Commune de Mugusa).

1969 : Janvier : Elu Commissaire de l'ASCORI (Association des Commerçants Rwandais Indépendants) et Secrétaire de l'ASCORI à Butare.

1970 : 1 juillet : Rentré au service de l'Etat comme Assistant Médical attaché à l'Institut National de Santé à Butare, au grade de Fonctionnaire Médical Principal.

1972-1976 : Maladie du foie.

1977-1987 : Mis en Retraite prématuré par suite d'infirmité.
Repos et Régime + Activités privées d'Agriculteur-Eleveur (Eleveur de poules) dans mon domaine de Gafumba en Commune de Mugusa, Préfecture de Butare.

Agriculteur-Eleveur progressiste, Commune Mugusa.
Nommé Membre de la Commission Préfectorale des Prix, à Butare, en 1987.

Butare, le 01 mai 1987
Germain GASINGWA
Sé/

=-=-=-=-=-=-=-=-=